IZUBA RIRASHE

Yanditswe na Kayishema Tity Thierry - 23/07/2016

# Hadi Janvier yisubije isiganwa ry'amagare ryitiriwe umuco i Nyanza



*Hadi Janvier yishimira insinzi mu isiganwa ryitiriwe Umuco ryaturutse Nyamagabe rirangirira i Nyanza (Ifoto/Ngendahimana S)*

Hadi Janvier ukinira Bike Aid yo mu Budage yongeye kwegukana isiganwa ry'amagare ryitiriwe umuco ryahagurutse i Nyamagabe risorezwa i Nyanza akoresheje 3h26'17" ku ntera ya Km 119,6 akurikirwa na Gasore Hategeka wa Benediction.

Ni isiganwa ryatangiye Hadi Janvier ava mu gikundi cyaje kumugarura, Ruberwa Jean w'ikipe ya Benediction atanga bagenzi be kuri gare ya Huye yegukana ibihumbi 50 FRW byatanzwe na Horizon Express.



*Abasiganwa bageze i Save bari bakigendera hamwe, uretse Hadi Janvier wari wabasize (Ifoto/Ngendahimana S)*

Nyuma y'iki gihembo, Hadi yongeye kuva mu gikundi kuko bari bageze mu gice kirimo gutambika cyane atanga bagenzi be ahazwi nka ISAR Isonga ahembwa ibihumbi 50 FRW, abasize umunota n'amasegonda 30.

Mu Karere ka Nyanza, abakinnyi bagombaga kuhazenguruka inshuro 14, buri imwe ifite intera ya Km 5,2 harimo n'agace k'amabuye.

Ku nshuro ya mbere bazenguruka, Hadi Janvier yari yasize igikundi cyari kiyobowe na Biziyaremye Joseph umunota n'amasegonda 30 byabaye iminota ibiri bazenguruka bwa kane.

Ingimbi zagomba kuzenguruka inshuro zirindwi, Rugamba Janvier ukinira Les Amis Sportifs aba uwa mbere akoresheje 2h32'33" kuri Km 98,8 mu gihe Imanizabayo Eric wabaye uwa mbere mu masiganwa atanu yabanje atakinnye nyuma yo kuvukina ukuboko mu mpanuka.

Rugamba  mu kiganiro na izubarirashe.rw yagize ati "iyo umukino urimo abakinnyi

bakomeye uraryoha,aha hari ahantu heza hasa n’ahazamuka byanyoroheye gusa twakoresheje imbaraga, muri Les Amis Sportifs kuko twageragezaga kwihuta ngo Hadi adashyiramo ibihe binini ariko bagenzi be twari kumwe bakatunanizaga.”

Bazenguruka ku nshuro ya munani, Hadi Janvier yashyizemo intera y’iminota itatu n’amasegonda atanu yaje kuba iminota itatu n’amasegonda 45 kuya cyenda.

Hadi yashyizemo iminota ine ku nshuro ya 10 ari nabwo Gasore Hategeka ukinira Benediction Club yavuye mu gikundi bazenguruka inshuro ya 11, Hadi yari ku minota ibiri na 55” naho Gasore ari ku minota ibiri 20”.

Hadi Janvier wabaye uwa mbere mu mikino nyafurika ya 2014 yabereye muri Congo Brazzaville yegukanye iri siganwa ahembwa ibihumbi 100 FRW akurikirwa na Gasore Hategeka.

Nyuma y’isiganwa, Hadi yavuze ko yatangiranye intego yo kongera gutwara iri siganwa nk’umwaka ushize ubwo yatsindaga Nsengimana Jean Bosco.

Hadi yemeza ko nubwo haburaga abakinnyi batandatu bakomeye, Areruya Joseph, Uwizeye Jean Claude, Nsengimana Jean Claude na Mugisha Samuel bari gusiganwa mu Bwongereza na Byukusenge Patrick na Hakuzimana Camera bahagaritswe kubera imyitwarire, bitari kumubuza kuritwara nubwo byari kumusaba imbaraga nyinshi.

Biziyaremye Joseph ukinira Cine Elmay yabaye uwa gatatu ayoboye igikundi cyarimo abakinnyi nka Ruhumuriza Abraham wa CCA naho Ukiniwabo Rene wa Les Amis Sportifs aba uwa mbere mu batarengeje imyaka 23.

Muri iri isiganwa hakinnye n’abakobwa barimo abanya Ethiopia na Eritrea 11 bari kwitoreza mu kigo cy’i Musanze, bo bazengurutse kane ryegukanwa na Dawit Mengis Yohana wa Eritrea akoresheje 2h24’13” kuri Km 88,4. Mu bakobwa 24 batangiye isiganwa, hasoje umunani batarimo Umunyarwandakazi.



*Abakobwa b'Abanya Erithrea nabo basiganwe ndetse umwe muri bo Dawit Mengis YOHANA aba uwa mbere mu bakobwa (Ifoto/Ngendahimana S)*

Tariki ya 6 Kanama 2016 hazakinwa Northern Circuit bava i Rubavu bajya i Musanze, mu 2014 ryatwawe na Nsengimana Jean Bosco ukinira Bike Aid.

**Abakinnyi 5 ba mbere**

1. Hadi Janvier – Bike Aid 3h26'17"

2. Gasore Hategeka – Benediction 3h26'53"

3. Biziyaremye Joseph – Cine Elmay 3h28'28"

4. Ruhumuriza Abraham – CCA ""

5. Twizerane Mathieu – CCA 3h28'23"

**Batatu ba mbere mu ngimbi**

1. Rugamba Janvier – Les Amis Sportifs 2h32'33"

2. Munyaneza Didier – Les Amis Sportifs 2h32’36”

3. Ngabonziza Yves – Benediction 2h32’42”.